PARUWASI NSHYA YA KORA YATANGIJWE KU MUGARAGARO UMWEPISIKOPI YEREKA ABAKRISTU ABASASERIDOTI ABAHAYE

Tariki 13 kanama, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA yatangije ku mugaragaro Paruwasi nshya ya Kora. Ahagana mu saha ya saa 10h00 nibwo Nyiricyubahiro Musenyeri yatangiye igitambo cya Missa ari kumwe n'abasaseridoti yahaye ubutumwa muri iyo Paruwasi, n'abandi bamuherekeje: Padri Vincent MBONABAKIRA, Padiri Evariste NDUWAYEZU, Padiri Jean Marie KWIZERA, Padiri Jean Francois UWIMANA, na Padiri Théogène NDAGIJIMANA.

Twibuke ko iyi Paruwasi yahawe Umugisha tariki 08/11/2015 na Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE,wari Umwepisikopi wa Diyosezi ya Nyundo, ayiragiza **BIKIRA MARIYA UMUBYEYI UGIRA IBAMBE.** Mu kuyubaka yatwaye amafaranga 118,000,000Frs. Iyi Paruwasi kandi igizwe n'amasantarale 4, ariyo KABATWA, KORA, REGA na KINYANJA, inama 12, imiryangoremezo70, ingo 1651 zirimo abakristu bose 6206. Ikaba kandi ifite imiryango y'Agisiyo Gatolika n'Amakoraniro y'abasenga, n'amakorali. Mu ijambo rye umukristu uhagarariye abandi yatangiye ashimira Nyiricyubahiro Musenyeri ko ibyo yabasezeranije ubwo yaherukaga kubasura tariki 26/07/2016, abishyize mu bikorwa. N'abo rero bikaba bigiye kubongerera imbaraga mu mirimo yo kwiyubakira Paruwasi yabo.

Mu ijambo rye Nyiricyubahiro Musenyeri yabanje gushimira ubutwari bw'abakristu ba Paruwasi ya Kora abizeza ko mu mirimo isigaye ngo yuzure neza azakomeza kubaba hafi. Yakomeje abereka Abapadiri yabahaye aribo:

Padiri Epimaque MAKUZA(Aracyari gusoza amasomo ye mu Gihugu cy'Ubutaliyani akaba azaza vuba), Padiri Jean Francois UWIMANA, Padiri Théogène NDAGIJIMANA. Kubera ko imirimo yo kubaka amacumbi y'Abapadiri itararangira, ubu Abapadiri ba Paruwasi ya Kora bacumbika mu Iseminari nto ya Nyundo. Nyiricyubahiro Musenyeri yarangije ijambo rye ashishikariza abakristu ba Paruwasi ya Kora gufatanya nawe vuba ngo amacumbi y'Abapadiri aboneke. Yarangije kandi abashimira guhuza ibitekerezo n'ibikorwa bibaranga mu gushyira hamwe ngo biyubakire Paruwasi yabo, aho gutegereza ibizava ahandi. Yababwiyeko abakristu bayandi ma Paruwasi bajya bakora ingendoshuri bakabiraho kwikemurira ibibazo, badategereje akimuhana dore ko kaza imvura ihise. Yabaragije Umubyeyi Bikira Mariya, abaha umugisha.

Padiri Jean Marie KWIZERA